République Rwandaise
Ministère de la terre
de la Réinstallation
et Environnement

1dC

9p

Procès-Verbal

14/11/2002

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kigali, ku wa ...14 NOV 2002
N°.....1211..../16.02/01

MINISITERI Y'UBUTAKA,
GUTUZA ABANTU NO
KURENGERA IBIDUKIKIJE
B.P. 3502 KIGALI

A traiter par ...
Date entrée : 15-11-2002
N° Classement : 2978/09

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
KIGALI

**Impamvu** : Cabinet Paper ku nyandiko z'umushinga wa Politiki y'Ubutaka n'Imbanziriza-mushinga w'Itegeko rigenga ubutaka mu Rwanda

**Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,**

Nejejwe no kubohereza « Cabinet Paper » ku nyandiko z'Umushinga wa Politiki y'Ubutaka n'Imbanziriza-mushinga w'Itegeko rigenga ubutaka mu Rwanda twabagejejeho mu ibaruwa n° 1095/16.02/01 yo ku wa 07/11/2001.

Mu ngendo twakoreye mu Ntara' zose z'Igihugu mu rwego rwo gusobanura bihagije no kungurana ibitekerezo n'Abanyarwanda b'ingeri zose, twagaragarijwe icyifuzo cy'uko iyi mishinga yakwemerwa ikamamazwa kuko babona yakemura ibibazo byinshi. Ni yo mpamvu twifuza ko izi nyandiko zashyirwa ku murongo w'ibyigwa n'Inama y'Abaminisitiri ya vuba kugira ngo zemezwe zinatangire gushyirwa mu bikorwa.

Mugire amahoro

**Minisitiri w'Ubutaka, Gutuza Abantu no Kurengera Ibidukikije**
**Prof. Laurent NKUSI**

**Bimenyeshejwe :**

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
  KIGALI
- Madamu / Bwana Minisitiri (Bose) MIJESPOC
- Madamu / Bwana Sekereteri wa Leta (Bose)
  KIGALI

## CABINET PAPER KU NYANDIKO Z'UMUSHINGA WA POLITIKI Y'UBUTAKA N'IMBANZIRIZA-MUSHINGA W'ITEGEKO RIGENGA UBUTAKA MU RWANDA

### A. INCAMAKE

#### 1. Inyito y'inyandiko

Inyandiko ya mbere yiswe « ***Projet de Politique Nationale Foncière/National Land Policy*** » ; Inyandiko ya kabiri yiswe « **Imbanzirizamushinga w'Itegeko rigenga Ubutaka mu Rwanda** »

#### 2. Impamvu y'izi nyandiko

Kuva kera u Rwanda ntirwigeze rugira politiki yihariye cyangwa se itegeko ryihariye mu by'ubutaka. Ubutaka bw'u Rwanda burenga 90% bugendera ku micungire ijyanye n'umuco ari byo bakunze kwita « gakondo ». Ibi bituma buri muntu akoresha ubutaka uko yishakiye nta mabwiriza akurikijwe. Ibyo bikaba ari imikoreshereze y'akajagari idashobora gutuma umutungo w'ubutaka ubyazwa umusaruro utubutse kandi ku buryo burambye bwateza imbere Igihugu muri rusange n'Abanyarwanda ku bw'umwihariko. Amategeko cyangwa amabwiriza yanditse agenga ubutaka agaragara ku buryo butatanye mu gitabo cya II cy'urwunge rw'amategeko y'u Rwanda (Codes et lois du Rwanda ; Livre II). Amenshi ni ayo twasigiwe n'abakoloni bakoze bagamije ahanini inyungu zabo.

Kubera ko ubutaka ari wo mutungo kamere ufitiye akamaro kaninini Abaturarwanda kandi bukaba ari bwo nkingi y'ubukungu bw'Igihugu cyacu, birakwiye ko hajyaho politiki yihariye n'itegeko ryihariye bigenga ubutaka. Ibi bizatuma Igihugu gitera imbere mu majyambere kandi n'Abanyarwanda bashobore kububyaza umusaruro utubutse uzabarinda inzara n'ubukene.
Mu manama menshi yakozwe kuri iki kibazo kimwe n'ingendo twagiriye mu Ntara zose, abaturage bagaragaje icyifuzo cy'uko politiki n'itegeko by'ubutaka byakwemezwa vuba kuko babona byakemura ibibazo byinshi mu micungire n'imikoreshereze y'ubutaka kandi bikarinda akarengane no kubogama igihe habaye imanza zishingiye ku mutungo w'ubutaka.

### B. IBITEKEREZO BYATANZWE KURI IZI NYANDIKO

1. Kuva tariki ya 8/10/1996 kugera tariki ya 11/10/1996, MINAGRI yateguye inama ku rwego rw'Igihugu yo kwiga ku kibazo cy'imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda. Imwe mu myanzuro yayo yagaragajwe n'impuguke mu by'ubutaka ndetse n'Abanyarwanda b'ingeri zose bari batumiwe yari uko hategurwa hakanatangazwa itegeko ngenga ry'ubutaka.

2. Kuva muri 1999 kugeza ubu, MINITERE yakoresheje inama nyungurana bitekerezo nyinshi, inifashisha impuguke mu by'ubutaka zo mu Rwanda n'izo mu mahanga mu rwego rwo kunoza izi nyandiko.

3. Mu nama y'Abanyamabanga Bakuru ba za Minisiteri bize uyu mushinga tariki ya 31/01/2002,ntacyo bawunenze ariko bifuza ko wakongera ugasobanurirwa abaturage mu Ntara zose. Byarakozwe nkuko bigaragara muri raporo yometse kuri iyi nyandiko.

4. Byagaragaye ko gushyiraho itegeko ry'ubutaka nta politiki y'ubutaka ihamye ryagenderaho yaba ari imbogamizi ikomeye yo kurishyira mu bikorwa, nkuko byagaragaye mu Bihugu duhana imbibi nka Uganda. Byabaye ngombwa gutegura Politiki y'ubutaka isesengura ibibazo byose bigaragara mu mikoreshereze y'ubutaka ikanagena umurongo wa politiki ugaragaza uko ibintu bikwiye kugenda na « strategies » z'uko byakorwa. Itegeko ry'ubutaka rikaza rishimangira amahame ya politiki n'ishyirwa mu bikorwa ryayo.

5. Ku rwego rw'Igihugu no ku rwego rw'Intara, habaye imibonano yo kungurana ibitekerezo kuri iyi mishinga, hasesengurwa ibibazo binyuranye; Urugero :Nyir'ubutaka ni nde ?, Ihabwa ry'agaciro k'ubutaka bivuga iki ?, Ingaruka z'isatagurwa ry'amasambu ni izihe ?, Icyiza cy'ihuzwa ry'amasambu ni ikihe ?, Impamvu zo gutura mu Midugudu ni izihe ?

6. Itegeko ry'ubutaka ryaza rigamije ahanini guhesha agaciro ubutaka no guha umutekano uhagije ababukoresha mu kubaha ibya ngombwa bituma babukoresha mu bwisanzure kandi bakanarengerwa n'itegeko rimwe rukumbi ku buryo buhagije kandi nta vangura.

7. Kubera ko ubutaka ari bwo nkingi y'ubukungu n'ubuzima muri rusange, bukwiye gufatwa nk'umutungo rusange w'abakurambere, w'abantu bariho ubu n'uw' abazavuka.Bikaba ari byiza rero ko Leta ikomeza kuba Nyir'ubutaka w'ikirenga, ikabucunga ku nyungu ya bose, ahubwo umuturage wese utunze ubutaka agahabwa uburenganzira busesuye bwo kubukoresha ku buryo burambye buri hagati y'imyaka 33 na 99 (emphytéose/long term lease)kandi ishobora kongerwa.

8. Ubwo burenganzira ku mutungo w'ubutaka bwagaragarira ku cyemezo gihamya nyir'uburenganzira ku butaka cyatangwa n'Umukuru w'ibiro by'ubutaka cyatuma ufite ubutaka yumva ko ari umutungo we ashobora gukoresha mu bwisanzure kandi akumva ko ari n'igikoresho cy'ubukungu agomba kubyaza inyungu.

9. Ufite uburenganzira ku butaka ashobora kubutangaho ingwate muri Banki kugira ngo ahabwe inguzanyo y'amafaranga, ashobora kubugurisha, kubugaba, kubukodesha cyangwa se kuburaga nta mbogamizi. Ubu buryo buhesha agaciro ubutaka bwe ku buryo mu gihe bibaye ngombwa ko yimurwa kubera inyungu rusange, n'agaciro kabwo kabarwa.

10. Ku ruhande rwa Leta, nta mbogamizi ihura na zo mu kugena gahunda y'imikoreshereze y'ubutaka igamije inyungu rusange y'abaturage n'amajyambere arambye. Ubu buryo butuma ibikorwa remezo n'ibikorwa rusange bigamije guteza imbere Igihugu mu bukungu no mu mibereho myiza y'abaturage bitadindira (urugero : guteza imbere imiturire, guteganya kugwiza ibikorwa remezo biganisha ku majyambere nk' imihanda, imitunganyirize y'ubutaka, ihuzwa ry'amasambu,n'ibindi)

11. Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri ibyo bibazo, umwanzuro mukuru wavuyemo ni uko ari ngombwa ko Politiki n'Itegeko bijya ahagaragara kuko bizakemura ibibazo byinshi byabonekaga mu micungire n'imikoreshereze y'ubutaka.

## C. ICYEMEZO MINITERE ISABA CABINET GUFATA :

Kwemeza inyandiko y'Umushinga wa Politiki y'ubutaka n'Imbanziriza mushinga w'Itegeko rigenga ubutaka mu Rwanda.

**Ku mugereka wa cabinet paper hari :**

- Raporo ya Consultations zabereye mu Ntara.

Inyandiko z'umushinga wa Politiki n'imbanziriza-mushinga w'itegeko rigenga ubutaka mu Rwanda byoherejwe ku wa 7/11/2001.

## RAPORO Y'INGENDO ZAKOREWE MU NTARA ZOSE Z'U RWANDA ZO GUSOBANURA NO KUNGURANA IBITEKEREZO KU NYANDIKO Y'IMISHINGA YA POLITIKI Y'UBUTAKA N'ITEGEKO RIGENGA UBUTAKA MU RWANDA.

### 1) IRIBURIRO.

Nyuma yo kohereza Inyandiko y'Umushinga wa Politiki y'Ubutaka n'Itegeko rigenga Ubutaka mu Rwanda muri Serivisi za Minisitiri w'Intebe, habaye inama y'Abanyamabanga Bakuru ba za Minisiteri kuri izo nyandiko. Mu mwanzuro, iyo nama yasabye ko Minisiteri y'Ubutaka, Gutuza Abantu no Kurengera Ibidukikije yasubira mu Ntara zose kugira ngo basobanurire abaturage kandi banongere bungurane ibitekerezo kuri iyi mishinga ya Politiki n'Itegeko by'Ubutaka. Ibi bikazaba ari n'u buryo bwo kwamamaza bihagije ibikubiyemo bityo bikazatuma izo nyandiko zemezwa nta zindi mpaka zibaye ku rwego rw'Inama y'Abaminisitiri.

Ni muri urwo rwego MINITERE yatangiye ingendo mu Ntara zose z'u Rwanda kuva mu kwezi kwa Gicurasi kugeza mu kwezi kwa Nzeri, yongera guhura n'Abanyarwanda b'ingeri zose kugira ngo ibagezeho ibitekerezo bikuru bikubiye muri Politiki y'Ubutaka mu Rwanda n'Inginggo nkuru ziri mu mushinga w'Itegeko rigenga Ubutaka mu Rwanda.

### 2) UKO IBIGANIRO BYAGENZE.

Muri buri Ntara, ibiganiro byayoborwaga na Minisitiri w'Ubutaka, Gutuza Abantu no Kurengera Ibidukikije ari kumwe n'Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Kurengera Ibidukikije cyangwa Umunyamabanga Mukuru ; cyangwa bigasobanurwa n'umwe muri bo. Abatekinisiye ba MINITERE bakoze kuri iyo mishinga yombi na bo babaga bahari.

Mbere y'uko gahunda y'ibiganiro itangira, MINITERE yari yarabanje koherereza Abakuru b'Intara kopi z'inyandiko z'iyo mishinga yombi kugira ngo na bo bakore izindi kopi zihagije zo gukwirakwiza mu bantu bazitabira ibiganiro.

Inama zose zatangizwaga n'ijambo ry'ibanze ry'Umukuru w'Intara. Nyuma y'aho, Minisitiri cyangwa Umunyamabanga wa Leta cyangwa se Umunyamabanga Mukuru muri MINITERE yafataga ijambo akabanza akagaragaza uburemere bw'ibibazo biboneka mu micungire y'Ubutaka akanerekana ko bishobora gukemukira muri Politiki n'Itegeko biboneye.

Hagaragajwe inzira (processus/process) Politiki n'Itegeko byaciyemo kugeza aho bigeze ubu biciye mu manama menshi yabaye, kwifashisha impuguke nyinshi, yaba iz'abanyarwanda, yaba iz'abanyamahanga, gucukumbura amategeko na politiki mu by'ubutaka by'ibindi bihugu muri Afurika no mu Burayi.

Hatanzwe incamake y'imirongo mikuru ya Politiki n' ingingo nkuru z'Umushinga w'Itegeko by'Ubutaka.

## 3. INGINGO Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO.

Ingingo z'ingenzi zaganiriweho ni izi zikurikira :

1. Ubutaka ni umurage w'imbaga y'Abanyarwanda bose, abatakiriho, abariho ubu n'abazavuka. Kubera ibyo Leta ni yo ifite ububasha bw'ikirenga bwo kubucunga ku nyungu za bose n'iz'amajyambere arambye kandi abereye Igihugu.

2. Imicungire Myiza y'Ubutaka igomba kugendera ku itegeko rimwe rukumbi ryanditse kandi rirengera kimwe Abanyarwanda bose nta kuvangura ukwariko kose (droit moderne novateur).

3. Kwandikisha ubutaka k'ubutunze cyangwa ubukoresha ni ngombwa mu rwego rw'ubwisanzure butajegajega no mu rwego rwo kubuhesha agaciro gakwiye (Sécurité foncière / Land security ; Valeur foncière / Land value).

4. Abakoresha ubutaka bazahabwa uburenganzira busesuye bwo kubukoresha bw'igihe kirekire kigera ku myaka 99 isubirwamo ihige irangiye, hamwe n'icyemezo cy'ubukode bw'igihe kirekire (certificat d'enregistrement de bail emphytéotique/Certificate of land title).

5. Ku byerekeye amatsinda y'ubutaka, hagaragazwa ubutaka bwo mu mujyi n'ubwo mu cyaro, ubutaka bw'abantu ku giti cyabo, ubutaka bw'Akarere burimo ubugenewe ibikorwa rusange (domaine public) n'ubutaka bwite bw'Akarere (domaine privé), ubutaka bwa Leta burimo ubutaka bwa Leta bugenewe ibikorwa rusange (Domaine public de l'Etat) n'ubutaka bwite bwa Leta (Domaine privé de l'Etat)

6. Mu rwego rw'imicungire, imitunganyirize n'imikoreshereze myiza y'ubutaka, isatagurwa ry'amasambu rirabuzwa, ihuzwa ry'amasambu n'imiturire mu midugudu bigashimangirwa hamwe.

7. Kugira ngo igabwa cyangwa ikodeshwa ry'ubutaka buri mu mutungo bwite wa Leta ryorohe, bushyirwa mu byiciro bitandukanye hakurikijwe ubuso bwabwo n'aho buherereye mu mujyi cyangwa mu cyaro kandi hashyirwaho imihango ijyanye n'igabwa cyangwa ikodeshwa ryabwo.

8. Mu rwego rw'imicungire n'imikoreshereze myiza y'ubutaka, hashyirwaho gahunda n'imihango ijyanye n'iyandikwa ry'ubutaka mu bitabo bibigenewe ku rwego rw'Igihugu no ku rwego rw'Akarere no gutanga icyemezo gihamya nyir'uburenganzira ku butaka.

9. Itegeko ryemeza ko abafite uburenganzira k'ubutaka banafite n'uburenganzira bwo kugurisha, kugaba , gukodesha, gutiza uwo bashaka. Rinemeza kandi ko ubutaka buri mu mitungo izungurwa.

10. Ku bijyanye n'ubuzime (prescription) ari byo igihe gitegerezwa kubahirizwa mbere yo kwegukana burundu ubutaka bukoreshwa n'umuntu utari nyirabwo, yaba yarabutijwe cyangwa yarabwigabije. Icyo gihe cyashyizwe ku myaka 30.

11. Itegeko riteganya ibihano ku bateshutse ku nshingano zo gukoresha neza ubutaka.

12. Leta ifite inshingano zo kubonera ubutaka abantu bavukijwe uburenganzira bwabo ku butaka biturutse kuri politiki mbi y'ivangura yaranze Igihugu cyacu mu bihe byashize.

## 4. IBIBAZO BY'INGENZI BYAKUNZE KUGARUKA N'IBITEKEREZO BYATANZWE.

### 1° Uburenganzira ku mutungo w'ubutaka

Hamwe na hamwe, abaturage bifuje ko ubutaka bwaba ubw'umuntu ku giti ke (urugero : Urugaga IMBARAGA). Nyuma y'ibisobanuro birambuye kuri iki kibazo, cyane cyane mu Gihugu nk'iki cyacu kikiyubaka, kitarashobora kugena neza aho ibikorwa by'amajyambere bizajya, mu rwego rwa ," aménagement du territoire/physical planning", amakimbirane y'ubutaka ari hagati y'abantu n'imiryango biturutse cyane cyane ku izungura, abaturage benshi twaganiriye basanze uburyo buteganywa mu mushinga w'itegeko ry'ubutaka aribwo bushobora gukemura ibyo bibazo, cyane cyane ko hagaragajwe ko ubwo buryo bukoreshwa n'ahandi henshi mu Bihugu byo muri Afrika. Bumvise kandi ko uburyo buteganywa nta mbogamizi butera umuturage kuko afite uburenganzira busesuye bwo gukoresha ubutaka atunze. Leta ariko ikagenzura ko abukoresha neza, ikamuyobora, ikamugira inama, yashaka kubwangiza ikamuhana bikwiriye, haseguriwe amategeko, ku nyungu y'Igihugu n'abagituyemo. Ni ukwirinda rero icyo cyose cyaza gishaka kudindiza ibikorwa bizatugeza ku majyambere arambye.

### 2° Abaturage badafite ubutaka

Mu biganiro byabaye, hagaragajwe ko abaturage benshi badafite ubutaka mu buryo bunyuranye : hari ababutakaje kubera impamvu za politiki, hari ababugurishije, hari n'abafite intica ntikize kubera kubusataguramo iminani. Nyuma yo gusesengura iki kibazo, beretswe ko bitashoboka ko buri munyarwanda wese atunga ubutaka nk'umutungo wamubeshaho, cyane cyane ko ubutaka bw'u Rwanda ari buto. Ari na yo mpamvu Leta ibashishikariza gutura mu midugudu aho bashobora gufashwa kwishakira ind mirimo yabatunga itari ubuhinzi. Nyamara ariko, abatakaje uburenganzira ku butaka kubera impamvu za politiki bakwiriye gusubizwa ubwo burenganzira. Ni yo mpamvu Leta yatanze ingarigari zose yari isigaranye, ndetse n' abaturage bakaba barakanguriwe gusaranganya amasambu mu rwego rw'imibanire myiza no gushimangira inzira y'ubumwe n'ubwiyunge.

### 3° Amasambu y'amadini n'ayandi masambu manini atabyazwa umusaruro.

Mu biganiro, abaturage bagaragaje ko amasambu y'Amadini n'ayandi masambu manini (Ibikingi) atabyazwa umusaruro cyangwa adakoreshwa ku buryo bushimishije akwiye gufatirwa agahabwa abandi baturage bayakeneye kandi bifuza kuyabyaza umusaruro utubutse.

Mu bisobanuro byatanzwe hagaragajwe ko mu mushinga w'itegeko ry'ubutaka hari ingingo zigaragaza inshingano z'abatunze ubutaka,n'ibihano kandi ko hagenwe ubuso bw'ubutaka ntarengwa umuntu adashobora gutunga.

**4° Imicungire y'amasambu y'abapfakazi cyangwa impfubyi zitishoboye ndetse n'abana bakiri bato.**

Mu biganiro , abaturage bashimangiye ko abo bantu badafite ubushobozi bakwitabwaho by'umwihariko kugirango batazarenganywa ku mutungo basigiwe n'abagabo babo cyangwa ababyeyi babo. Basobanuriwe ko itegeko riteganya uburyo bwose bwo kubarengera. Bazashobora kuyakodesha cyangwa kuyagurisha bibaye ngombwa, babifashijwemo na komisiyo y'ubutaka y'Akarere. Impfubyi n'abana bakiri batoya, amasambu yabo azacungwa na Komisiyo y'Akarere ishinzwe ubutaka. Izashobora kuyabakodeshereza kugira ngo amafaranga avuyemo ashobore kubafasha.

**5° Imiturire mu midugudu.**

Mu biganiro, hagaragajwe ko hari abaturage batarumva gahunda yo gutura mu midugudu. Nubwo politiki yo gutura mu midugudu ari nziza, kandi hakaba hari abaturage benshi bayitabiriye, hari impamvu ituma batayitabira ijyanye ahanini n'uko ibikorwa remezo bikunze kubura. Icya ngombwa ni uko Leta yakora uko ishoboye ikageza ibikorwa remezo mu midugudu kuko ni byo byatuma abantu bakurikira ayo majyambere. Basobanuriwe birambuye ibyiza byo gutura mu midugudu, bagaragarizwa ko, uretse ko gutura mu midugudu ari politiki yemejwe na Leta, mu by'ukuri ari bwo buryo bwiza bwo gutura bwageza Igihugu cyacu ku majyambere arambye. Binatuma ubutaka bwakorerwaho ubuhinzi bwa kijyambere bwiyongera bugashobora no gutunganywa neza. Babwiwe ko Leta yateguye gahunda irambuye yo kugeza ibikorwa remezo mu midugudu.

**6° Imikoreshereze y'ibishanga.**

Mu biganiro, abaturage bibajije igituma ibishanga bitakwegurirwa ubikoresha kuko babihingamo nkuko bahinga mu mirima yabo y'imusozi. Mu bisobanuro, bagaragarijwe ko ibishanga bifite umwihariko ujyanye no kubungabunga ibidukikije kandi ko bushobora kubangamirwa no guhungabana ku buryo bworoshye (écosystèmes fragiles). Mu kurinda izo ngaruka mbi, Leta ibitanga ari uko hagaragajwe umushinga mwiza kandi hakagararazwa n'uburyo ibidukikije bizabungabungwa. Ibyo bisaba ubuhanga butaraboneka mu turere kandi n'abantu ubwabo ubwo buhanga ntabwo baragira. Ibyo aribyo byose, iyo umuturage agaragaje ubushobozi bwo gutunganya neza igishanga, aragihabwa ku buryo bw'ubukode bw'igihe kirekire ( kuva ku myaka 15 kugeza kuri 50).

**7° Umusoro ku butaka.**

Iby'umusoro ku butaka byagiweho impaka, abaturage berekana ko bitashoboka ko bishyura umusoro ku butaka kandi n'ubundi babuze n'amikoro ahagije yo kubyaza umusaruro amasambu yabo. Byongeye kandi, berekanye ko abenshi ari abafite udusambu tw'intica nikize tutavamo umusoro. Ubundi bwo bagaragaje ko bemera akamaro k'umusoro, ni uko nyine amikoro ariyo

abura. Mu bisobanuro, hagaragajwe uko biteganyijwe, ko imisoro izishyura gusa abantu bafite ubutaka burenze hegitari imwe, kandi Abanyarwanda bayifite ni bake cyane. Abafite ubutaka bunini ariko bakaba badashobora kububyaza umusaruro kubera amikoro make, bafite uburenganzira bwo gubukodesha; kugurisha ; kwaka inguzanyo muri Banki bagatanga ingwate y'isambu yabo. Ubundi rero imisoro izishyurwa n'abo bazaba bafite ubutaka butubutse babyaza umusaruro ugaragara. Imisoro izatuma ibikorwa remezo bigwira mu cyaro bityo bitume abaturage barwanya ubukene.

**8° Isaranganya ry'amasambu.**

Mu biganiro, n'ubwo abaturage benshi bemera isaranganya, banenga uburyo rikorwamo kuko usanga hajyamo akarengane; ufite isambu nini bakamureka, ufite gato akaba ariwe bagabanya. Abafite ibikingi bo ntibabakoma. Mu bisobanuro, herekanywe ko itegeko ry'ubutaka rica ibikingi kuko hari ubuso ntarengwa abantu batazagirira uburenganzira. Naho ubundi ku by'isaranganya, habaye koko amakosa hamwe na hamwe, ariko Abayobozi barabikemuye. N'ubu, MINITERE irategura amabwiriza arimo ingingo nkuru zizajya zigenderwaho mu isaranganya ry'amasambu.

## 4. UMWANZURO

Icyagaragaye muri izi ngendo zo mu NTARA ni uko abaturage bifuza ko itegeko na politiki by'ubutaka byemezwa vuba kuko basanga bizakemura ibibazo byinshi byaterwaga no kuba tudafite itegeko ngenga ryihariye ku butaka bityo bamwe bakaba babigenderagaho mu kurenganya abaturage no gukora uburiganya bunyuranye.

Muri rusange,abaturage benshi bashyigikiye uburyo bwagaragajwe bwo gutunga ubutaka kuko, nubwo Leta ikomeza kubucunga ku nyungu y'Abanyarwanda bose, ubutunze ahabwa uburenganzira busesuye bwo kubukoresha. Barasanga impapuro zihamya nyiruburenganzira ku butaka zizatangwa zizaha ba nyir'ubutaka umutekano uhagije ku mutungo w'ubutaka kandi zigashobora kubahesha inguzanyo mu mabanki butanzweho ingwate.

Duhereye ku bitekerezo byavuye mu baturage ndetse n' ibibazo duhura na byo mu gukemura amakimbirane ashingiye ku butaka,byaba byiza iryo tegeko ribonetse vuba kugira ngo Minisiteri ishobore gutangira gutegura amateka,amabwiriza n'ibindi bizafasha gushyira mu bikorwa iryo tegeko.